16° bail emphytéotique: contrat entre l'Etat et une personne en vertu de laquelle cette personne exploite la terre moyennant paiement d'une rente périodique convenue entre les parties ;

17° droit foncier : la faculté inaliénable d'une personne pour obtenir, posséder et utiliser la terre aussi longtemps que les activités exercées sur ces terres ne violent pas les droits inaliénables des autres;

18° servitudes: le droit dont jouit une personne sur la propriété d'autrui dans certaines circonstances. La servitude est prévue par la loi ou établie de commun accord entre les parties ;

19° terre : la surface du globe terrestre identifiée par les limites spécifiques incluant l'espace au-dessus de cette portion de surface, les minerais qui sont en-dessous, la biodiversité ainsi que les

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

ibyabwubatsweho n'ibyabushyizweho. Mu rwego rw'amategeko ni umutungo utimukanwa ujyana n'uburenganzira ku buso bw'isi kuva munda y'isi kugera mu kirere;

developments on that surface. In legal terms, it is an immovable and permanent asset inclusive of rights associated with the surface of the earth from the centre to the infinite sky;

constructions et les aménagements juridiques faits sur cette surface. En termes légaux, il s'agit d'une propriété immobilière permanente incluant les droits associés à la surface du globe terrestre à partir de son centre jusqu'à une distance infinie dans le ciel;

20° ubuyobozi bubifitiye ububasha: urwego rumwe cyangwa nyinshi zifite ububasha buteganywa n'amategeko;

20° competent authority: one or several organs with powers provided for by law;

20° autorité compétente : un ou plusieurs organes dotés de pouvoirs prévus par la loi ;

21° ubuzime: uburyo bwo kubona cyangwa gutakaza uburenganzira ku butaka bitewe n'uko hashize igihe runaka giteganywa n'amategeko;

21° prescription: a procedure of definitive possession of rights over property or losing rights over property due to expiration of a certain period of time provided for by law;

21° prescription : la procédure d'acquisition définitive ou de perte de droits sur une propriété en raison de l'expiration d'un certain délai prévu par la loi;

22° ukwatira: amasezerano umuntu ufite ubukode agirana n'undi akamwemerera gukoresha ubutaka bwe amaze kumuha icyatamurima bumvikanyeho;

22° sublease: a contract between a lease holder and another person so that the latter may exploit the former's land in return for payment of an agreed fee;

22° sous-emphytéose: contrat entre le titulaire d'un bail et une autre personne en vertu duquel le dernier nommé exploite la terre du premier nommé moyennant paiement d'une somme convenue entre les deux parties;

23° umubitsi w'impapururompamo z'ubutaka: umukozi wa Leta wabiherewe ububasha ushinzwe kubika no guhuza n'igihe inyandiko n'urutonde rukubiyemo uburenganzira bw'ubutaka bwanditse;

23° land registrar: a public officer responsible for keeping and updating the land register;

23° conservateur foncier : un officier public chargé du maintien et de la mise à jour de la base des données foncières;

24° umuntu: umuntu ku giti cye, abantu bafatanyije umutungo w'ubutaka, isosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi;

24° person: an individual, a group of individuals co-owning land, a business company, an organisation or association with legal personality;

24° personne : une personne physique, des copropriétaires, une société commerciale, une association ou une organisation dotée de la personnalité juridique;

25° umukode: urwego rutunze ubutaka bukodeshwa. Muri iri tegeko ni Leta, Ibigo bya Leta n'inzego z'ibanze;

25° lessor: the authority owning leased land. In this law, it is the State, public institutions and local governments;

25° bailleur : autorité détentrice des terres données en bail emphytéotique. Dans la présente loi, il s'agit de l'Etat, des établissements publics et des entités

26° umunyamahanga: umuntu ku giti cye udafite ubwengehugu nyarwanda, abantu bafatanyije umutungo w'ubutaka, isosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi bikomoka mu gihugu kitari u Rwanda;

27° urupapuruompamo rw'ubutaka: inyandiko igaragaza uburenganzira umuntu afite ku butaka, bushingiye ku mategeko yanditse kandi itangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha. Urwo rupapuro rukoresha ku masezerano y'ubukode burambye kimwe no ku nkondabutaka cyangwa se ubundi buryo bwemewe bugaragaza uburenganzira ku butaka;

28° urwuri: ubuso buriho ubwatsi, ibimera bivangitiranyije bugenewe kuragirwaho amatungo.

Ingingo ya 3: Ubutaka ni umurage rusange

Ubutaka buri mu murage rusange w'imbaga y'Abanyarwanda bose: abakurambere, abariho ubu ndetse n'abazavuka mu gihe kiri imbere.

Uretse uburenganzira abantu bemerewe, Leta ni yo yonyine ifite ububasha bw'ikirenga mu gucunga ubutaka bwose buherereye mu mbizi z'umupaka w'Igihugu, ubwo burenganzira ibukoresha ku mpamvu z'inyungu rusange igamije iterambere nyaryo mu by'ubukungu n'imibereho myiza hakurikijwe uburyo buteganywa n'amategeko.

Kubera izo mpamvu, Leta ni yo yonyine itanga

26° foreigner: an individual without Rwandan nationality, a group of individuals co-owning land, a business company, an organisation or association with legal personality from a foreign country;

27° land title: a written document confirming a person's rights to land, which is governed by written laws and delivered according to the law by competent authority. It applies to the emphyteutic lease as well as to the freehold, or any other form of land tenure legally provided for;

28° pasture land: an area with pasture and various plants for animals to graze.

Article 3: Land is common heritage

The land is part of the common heritage of all the Rwandan people: the ancestors, present and future generations.

Notwithstanding the recognised rights of people, only the State has the supreme power of management of all land situated on the national territory, which it exercises in the general interest of all with a view to ensuring rational economic and social development as defined by law.

Therefore, the State is the sole authority to accord

d'administration locale;

26° étranger : une personne physique n'ayant pas la nationalité rwandaise, des copropriétaires, une société commerciale, une association ou une organisation dotée de la personnalité juridique de droit étranger;

27° titre foncier : un document écrit confirmant les droits d'une personne sur une terre. Ce document est régi par les lois écrites et est délivré par l'autorité compétente. Il s'applique aussi bien au bail emphytéotique qu'à la pleine propriété foncière ou toute autre forme de tenure foncière légalement prévue;

28° pâturage : une surface couverte d'herbes et d'une végétation variée destinée à faire paître le bétail.

Article 3: Terre comme héritage commun

La terre fait partie du patrimoine commun de tout le peuple Rwandais : les ancêtres, les générations présentes et futures.

Nonobstant les droits reconnus aux gens, seul l'Etat dispose d'un droit suprême de gestion de l'ensemble des terres situées sur le territoire national, qu'il exerce dans l'intérêt général de tous en vue d'assurer le développement rationnel économique et social de la manière définie par la loi.

A ce titre, l'Etat est seul habilité à accorder les

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

uburenganzira bwo kubutunga no kubukodesha. Ifite kandi ububasha bwo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

Ingingo ya 4: Uburenganzira bungana ku butaka

Ivangura iryo ari ryo ryose, ryaba irishingiye ku gitsina cyangwa inkomoko, ku byerekeranye no kubona ubutaka no kugira uburenganzira bwo kubutunga rirabujijwe.

Uburenganzira ku butaka hagati y'umugabo n'umugore bashyingiranywe ku buryo bwemewe n'amategeko buterwa n'icungamutungo bahisemo.

Ingingo ya 5: Uburenganzira ku masezerano y'ubukode burambye

Umuntu wese ufite ubutaka, yaba yarabubonye ku bw'umuco, cyangwa se yarabuhawe n'urwego rubifitiye ububasha, cyangwa se yarabuguze, yemerewe kubutunga ku buryo bw'ubukode burambye hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 6: Uburenganzira ku nkondabutaka

Umunyarwanda wese afite uburenganzira bwo guhabwa inkondabutaka ku butaka bugenewe gutura, inganda, ubucuruzi, imibereho myiza, umuco cyangwa se ibikorwa by'ubumenyi.

Uburenganzira ku nkondabutaka butangwa gusa ku butaka buriho inyubako n'ubuzikikije bwonyine bukenewe kugira ngo ibyo bwagenewe bishobore

rights of occupation and use of land. It also has the right to order expropriation in the public interest.

Article 4: Equal right to land

All forms of discrimination, such as that based on sex or origin, in relation to access to land and the enjoyment of real rights shall be prohibited.

The right to land for a man and a woman lawfully married shall depend on the matrimonial regime they opted for.

Article 5: Right to emphyteutic lease

Every person who is in possession of land, acquired either in accordance with custom, or granted by a competent authority, or by purchase, is the recognized proprietor under an emphyteutic lease in accordance with the provisions of this law.

Article 6: Freehold right to land

Any Rwandan citizen is entitled to be granted freehold title to land reserved for residential, industrial, commercial, social, cultural or scientific services.

Freehold rights shall apply only to developed land where infrastructures are erected and its extent shall be strictly limited to the area of land that is

droits d'occupation et d'usage de la terre. Il a aussi le droit d'ordonner l'expropriation pour des fins d'intérêt général.

Article 4: Droit égal sur la propriété foncière

Toute forme de discrimination, notamment celle fondée sur le sexe ou l'origine, en matière d'accès à la propriété foncière et à la jouissance des droits fonciers est prohibée.

Le droit sur la propriété foncière d'un homme et d'une femme légalement mariés dépend du régime matrimonial qu'ils ont choisi.

Article 5: Droit au bail emphytéotique

Toute personne titulaire de droits fonciers acquis soit en vertu de la coutume, soit en vertu d'une autorisation régulièrement accordée par les autorités compétentes, soit par l'achat, en est reconnu propriétaire, lié par un contrat d'emphytéose en conformité avec les dispositions de la présente loi.

Article 6 : Droit à la pleine propriété foncière

Tout citoyen rwandais a le droit de jouir du droit à la pleine propriété foncière sur les terres à usage résidentiel, industriel, commercial, social, culturel ou scientifique.

Le droit à la pleine propriété foncière s'applique seulement sur les terres où sont érigées des infrastructures ainsi que sur les terres environnantes

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

kuzikorerwamo.

Abantu bafatanyije umutungo w'ubutaka, isosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ishyirahamwe bifite ubuzima gatozi, inkondabutaka ishobora gutangwa gusa iyo Abanyarwanda babifitemo nibura imigabane ingana na mirongo itanu na rimwe ku ijana (51%) by'imigabane yose hamwe, keretse ku butaka bwagenewe ahantu hihariye mu by'ubukungu.

Uburyo bwo kubona inkondabutaka buteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze.

Ingingo ya 7: Ubuso busabirwa inkondabutaka

Ubuso busabirwa inkondabutaka ntibugomba kurenza hegitari eshanu (ha 5).

Icyakora, Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze, ashingiye ku mpamvu zumvikana kandi bisabwe n'usaba kugira inkondabutaka, ashobora gutanga inkondabutaka ku butaka burengeje hegitari eshanu (ha 5).

Ingingo ya 8: Inkondabutaka ku butaka bwa Leta n'ubw'inzeho z'ibanze

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 6 n'ya 7 z'iri tegeko, ubutaka bwose bwa Leta, bwaba uburi mu mutungo rusange cyangwa umutungo bwite,

necessary to support the authorised developments on the land and their amenity.

For a group of individuals co-owning land, a business company, an organisation or association with legal personality, freehold title can only be granted if at least 51% of its stake is owned by Rwandan citizens, except for land designated as Special Economic Zones.

Modalities for obtaining freehold title are determined by an Order of the Minister in charge of land.

Article 7: Size of land that can be granted freehold title

The size of land that can be granted freehold title shall not exceed five (5) hectares.

However, the Minister in charge of land, basing on a reasonable case made by the applicant, may authorise freehold rights on an area larger than five (5) hectares.

Article 8: Freehold title on land of the State and local authorities

Without prejudice to the provisions of Articles 6 and 7 of this Law, all land belonging to the State, whether in the public or private domain, shall be

strictement nécessaires.

Les copropriétaires, la société commerciale, l'association ou l'organisation dotées de la personnalité juridique ne peuvent acquérir le droit à la pleine propriété foncière que si au moins 51% des parts sociales sont détenues par les citoyens rwandais, sauf pour les terres désignées comme Zones Economiques Spéciales.

Les modalités d'obtention du titre de pleine propriété foncière sont déterminées par Arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions.

Article 7: Surface maximale pour une pleine propriété foncière

La surface totale faisant l'objet de la demande de pleine propriété foncière ne peut pas dépasser cinq (5) hectares.

Toutefois, le Ministre ayant les terres dans ses attributions, peut, pour des motifs raisonnables présentées par le demandeur, autoriser une pleine propriété foncière sur un espace de plus de cinq (5) hectares.

Article 8 : Pleine propriété foncière au profit de l'Etat et des entités locales

Sans préjudice des dispositions des articles 6 et 7 de la présente loi, toutes les terres appartenant à l'Etat, développées ou non, qu'elles ressortent du domaine

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

buhabwa inkondabutaka hatitawe ko bwubatseho cyangwa butubatseho. Ibi kandi bikorwa ku butaka bufitwe n'ibigo bya Leta kimwe n'inzego z'ibanze.

granted freehold title irrespective of whether it is developed or not. This shall also apply to land owned by public institutions and local authorities.

public ou du domaine privé, reçoivent la pleine propriété foncière. Cela s'applique également aux terres détenues par les établissements publics ainsi que des entités locales.

UMUTWE WA II: AMATSINDA Y'UBUTAKA

CHAPTER II: CATEGORIZATION OF LAND

CHAPITRE II: CATEGORISATION DES TERRES

Icyiciro cya mbere: Ubutaka bwo mu mujyi n'ubwo mu cyaro

Section One: Urban and rural land

Section Première: Terres urbaines et terres rurales

Ingingo ya 9 : Itandukaniro ry'ubutaka bwo mu mujyi n'ubwo mu cyaro

Article 9: Urban land as opposed to rural land

Article 9: Terres urbaines par opposition aux terres rurales

Ubutaka bwo mu mujyi ni ubutaka buri mu mbago z'umujyi zishyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Urban land shall be land which is confined within boundaries of towns or cities established by a Presidential Order.

Les terres urbaines sont celles qui sont comprises dans les limites des circonscriptions urbaines établies par arrêté présidentiel.

Ubutaka bwose busigaye ni ubutaka bwo mu cyaro.

All remaining land shall be considered as rural land.

Toutes les autres terres sont rurales.

Iteka rya Perezida rigena kandi ubundi butaka bufatwa nk'ubutaka bwo mu mujyi.

A Presidential Order determines any other land that is considered as urban land.

Un arrêté présidentiel détermine d'autres terres considérées comme étant des terres urbaines.

Icyiciro cya 2: Ubutaka bw'umuntu ku giti cye n'ubutaka bwa Leta

Section 2: Individual land and public land

Section 2: Terres individuelles et terres publiques

Ingingo ya 10 : Ubutaka bw'umuntu ku giti cye

Article 10: Individual land

Article 10: Terres individuelles

Ubutaka bw'umuntu ku giti cye bugizwe n'ubutaka atunze ku buryo bw'umuco cyangwa ubw'amategeko yanditse.

Private individual land shall comprise land acquired through custom or written law.

Les terres individuelles privées comprennent les terres acquises en vertu de la coutume ou du droit écrit.

Ubwo butaka abutunze yarabuhawe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, ubwo yaguze, yahaweho impano, umurage, izungura, umunani, ingurane cyangwa isaranganya.

That land has been granted definitely by competent authorities or acquired by purchase, donation, inheritance, succession, ascending sharing, and exchange or through sharing.

Ces terres sont soit concédées définitivement par les autorités compétentes, soit acquises par achat, don, héritage, succession, partage d'ascendant, échange ou partage.

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

Iri tegeko risigasira ku buryo bungana uburenganzira ku butaka butunzwe biciye mu nzira zose zavuzwe mu gika kibanziriza iki.

This Law offers equal protection to rights over land resulting from all channels stipulated in the preceding paragraph.

La présente loi prévoit une égale protection des droits fonciers résultant des voies stipulées au paragraphe précédent.

Ingingo ya 11 : Ubutaka bwa Leta

Ubutaka bwa Leta bugizwe n'ubutaka buri mu mutungo rusange wa Leta no mu mutungo bwite wayo, ubw'ibigo bya Leta, ubw'inzego z'ibanze bwaba mu mutungo rusange cyangwa mu mutungo bwite wabyo.

Leta ishobora kwegurira ikigo cyayo icyo ari cyo cyose cyangwa urwego rw'ibanze ubutaka bukajya mu mutungo rusange cyangwa umutungo bwite wacyo.

Ibigo bya Leta cyangwa inzego z'ibanze bishobora kandi kubona ubutaka bibuguze cyangwa bibuhawe n'umuntu cyangwa amashyirahamwe, icyo gihe ubwo butaka bubarirwa mu mutungo bwite cyangwa umutungo rusange wazo.

Ingingo ya 12: Ubutaka bwa Leta buri mu mutungo rusange

Ubutaka bwa Leta buri mu mutungo rusange bugizwe n'ubutaka bwose bugenewe gukoreshwa n'abantu bose cyangwa ubutaka bugenewe gukorerwaho n'inzego z'imirimo ya Leta kimwe n'ubutaka bw'igihugu bukomye mu rwego rwo kurinda ibidukikije. Ubwo butaka ni ubu bukurikira:

Article 11: Public land

Public land consists of land in public and private domain of State, land belonging to public institutions and land that belongs to local authorities whether being in their public domain or in their private domain.

The State may donate to any public institution or local authority its land reserved for public or private domain.

Public institutions or local authorities may also acquire land by purchasing it or by donation from individuals or associations, and that land shall fall under their private or public domain.

Article 12: State land in the public domain

State land in the public domain consists of all land meant to be used by the general public or land reserved for organs of State services as well as national land reserved for environmental protection. Those lands include:

Article 11: Terres publiques

Les terres publiques consistent en des terres du domaine public et privé de l'Etat, les terres appartenant aux établissements publics et les terres des entités locales, relevant de leur domaine public ou privé.

L'Etat peut donner à un établissement public ou à une entité locale des terres destinées à son domaine public ou à son domaine privé.

Les établissements publics et les entités locales peuvent aussi acquérir des terres par achat ou par donation offert par une personne ou une association. Les terres ainsi acquises tombent dans le domaine public ou dans le domaine privé.

Article 12: Terres du domaine public de l'Etat

Les terres du domaine public de l'Etat sont constituées aussi bien de toutes les terres affectées à un usage ou à un service public que des terres publiques réservées à la protection de l'environnement. Il s'agit :

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

| | | |
|---|--|---|
| 1° ubutaka buriho ibiyaga cyangwa imigezi byashyizwe ku rutonde n'Iteka rya Minisitiri ufite umutungo kamere w'amazi mu nshingano ze; | 1° land occupied by lakes and rivers as listed by an Order of the Minister in charge of water as natural resources; | 1° des terres des lits des lacs, des rivières ainsi classés par arrêté du Ministre ayant les ressources naturelles en eaux dans ses attributions ; |
| 2° inkombe z'ibiyaga cyangwa imigezi kugeza ku burebure bushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite umutungo kamere w'amazi mu nshingano ze uherye aho amazi agarukira ku murongo usumba iyindi uko imyuzure yagiye ikurikirana, ariko hatitawe ku myuzure idasanze; | 2° shores of lakes and rivers up to the length determined by an Order of the Minister in charge of water as natural resources starting from the furthest line reached by water depending on successive floods, excluding exceptional floods; | 2° des terres des bords des lacs et rivières jusqu'à une longueur déterminée par arrêté du Ministre ayant les ressources naturelles en eaux dans ses attributions, à partir du point le plus éloigné atteint par les crues successives, exception faite des inondations exceptionnelles ; |
| 3° ubutaka buriho amasoko n'amariba y'amazi bugenwa hakurikijwe Iteka rya Minisitiri ufite umutungo kamere w'amazi mu nshingano ze; | 3° land occupied by springs and wells determined in accordance with an Order of the Minister in charge of water as natural resources; | 3° des terres abritant les sources et les points d'eau naturels, déterminées suivant l'arrêté du Ministre ayant les ressources naturelles en eaux dans ses attributions ; |
| 4° ubutaka bw'igihugu bw'amashyamba cyimeza, za pariki z'Igihugu, ibishanga bikomye, ubusitani rusange bwa Leta n'ahantu nyaburanga; | 4° national land comprised of natural forests, national parks, protected swamps, State public gardens and tourist sites; | 4° des terres nationales destinées à la protection de l'environnement et constituées des forêts naturelles, des parcs nationaux, des marais protégés, des jardins publics de l'Etat et lieux touristiques; |
| 5° ibirwa biri ku rutonde rushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze; | 5° islands as listed by an Order of the Minister in charge of land; | 5° des îles ainsi classées par arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions ; |
| 6° imihanda ya Leta n'imbago zayo; | 6° national roads and their boundaries; | 6° des routes nationales et leurs emprises ; |
| 7° ubutaka bugenewe gukorerwaho imirimo rusange n'ibikorwa remezo bya Leta; | 7° land reserved for public State activities and infrastructures; | 7° des terres réservées aux activités et/ou infrastructures des services publics ; |
| 8° ubutaka buriho inzibutso n'amarimbi by'abantu bazize jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda. | 8° land on which memorial sites for genocide perpetrated against the Tutsi in Rwanda. | 8° des terres sur lesquelles sont érigés les sites mémoriaux du génocide commis contre les Tutsi au Rwanda. |

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

Ingingo ya 13 : Ubutaka buri mu mutungo rusange w'inzego z'ibanze

Ubutaka buri mu mutungo rusange w'inzego z'ibanze bugizwe n'ubutaka buri mu byiciro bikurikira:

1° ubutaka bugenewe imirimo cyangwa ibikorwa remezo by'inzego z'ibanze ;

2° imihanda y'Uturere n'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'umujyi ihuza ahantu hari ubuyobozi bw'Imirenge iri mu Karere kamwe cyangwa imihanda ikoresheya mu Murenge umwe n'imbago zayo;

3° uduhanda duto two mu cyaro duhuza imihanda y'Uturere n'ahandi hantu hagiye hakomeye mu cyaro hatuwe n'abantu benshi bari kumwe n'imbago zatwo;

4° ubutaka bw'amarimbi rusange.

Ingingo ya 14 : Ubutaka bwa Leta buri mu mutungo bwite wayo

Ubutaka bwa Leta buri mu mutungo bwite wayo bugizwe n'ubutaka bwose butari mu butaka bugenewe ibikorwa rusange n'ibikorwa remezo, ubutaka butari ubw'ibigo bya Leta n'ubw'inzego z'ibanze hamwe n'ubutaka butari ubw'abantu ku giti cyabo.

Ubwo butaka bugizwe n'ubutaka bukurikira:

Article 13: Land in the public domain of local Government

Land in the public domain of local authorities consists of the following categories:

1° land reserved for public activities and infrastructures of local authorities;

2° Districts and City of Kigali roads and that of other urban areas linking different Sectors headquarters within the same District, or those roads that are used within the same Sector with their boundaries;

3° arterial roads that connect Districts roads to rural community centres that are inhabited as an agglomeration with their boundaries;

4° land reserved for public cemeteries.

Article 14: State land in the private domain

State land in the private domain land shall consist of all the land that is not included in State land reserved for public activities or infrastructures and land that does not belong to public institutions or local authorities or individuals.

That land shall be comprised of the following:

Article 13 : Terres du domaine public des entités d'administration locale

Les terres du domaine public des entités d'administration locale dotées de la personnalité juridique sont les suivantes :

1° les terres réservées aux activités et infrastructures des entités d'administration locale;

2° les routes des Districts ou de la Ville de Kigali ainsi que d'autres zones urbaines qui assurent la liaison entre les différents chefs-lieux des Secteurs d'un même District ou à l'intérieur d'un même Secteur ainsi que leurs emprises;

3° les pistes rurales qui relient les routes de Districts aux centres de communautés rurales peuplées en agglomération ainsi que leurs emprises;

4° les terres des cimetières publiques.

Article 14 : Terres du domaine privé de l'Etat

Les terres du domaine privé de l'Etat comprennent toutes les terres qui ne sont pas affectées à l'usage public ainsi que les terres qui n'appartiennent pas aux établissements publics et des entités locales ou celles qui n'appartiennent pas aux particuliers.

Les terres du domaine privé de l'Etat comprennent:

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

| | | |
|---|--|---|
| 1° inkungu; | 1° vacant lands; | 1° les terres vacantes ; |
| 2° indeka; | 2° escheat lands; | 2° 2° les terres en déshérence; |
| 3° ubutaka bwambuwe abari babufite hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko; | 3° confiscated lands in respect of the provisions of this Law; | 3° les terres confisquées en vertu de la présente loi; |
| 4° ubutaka bwa Leta bwari busanzwe buriho ibikorwa byayo bwakuwe mu mutungo rusange hakurikijwe iby'amategeko ateganywa; | 4° State land previously occupied by public activities removed from public domain in accordance with the laws; | 4° les terres désaffectées conformément à la législation; |
| 5° ubutaka Leta yaguze, yahawe cyangwa yimuyeho abaturage ku mpamvu z'inyungu rusange; | 5° land acquired by the State through purchase, donation or expropriation for public interests; | 5° les terres acquises par achat, donation ou expropriation pour cause d'utilité publique; |
| 6° ibishanga bidakomye; | 6° unprotected swamps; | 6° les marais non protégés ; |
| 7° ubutaka buriho amashyamba ya Leta; | 7° land occupied by State owned forests; | 7° les terres occupées par les forêts de l'Etat; |
| 8° ubutaka buturutse ku masezerano y'ubukode burambye yahawe umunyamahanga atarongerewe igihe nk'uko biteganywa n'iri tegeko; | 8° land resulting from non-renewed lease issued to foreigner as provided by this Law; | 8° les terres allouées aux expatriés dont le bail emphytéotique n'a pas été renouvelé conformément à la présente loi; |
| 9° ubutaka bw'amarimbi yihariye. | 9° land reserved for specific cemeteries. | 9° les terres des cimetières particuliers. |

Gukura ubutaka mu mutungo rusange wa Leta bushyirwa mu mutungo bwite wayo buvugwa mu ngingo ya 12 y'iri tegeko kuva ku gace ka mbere (1°) kugeza ku gatanu (5°) bikorwa n'itegeko, kuva ku gace ka gatandatu (6°) kugeza gace ka karindwi (7°) bikorwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe. Naho ubutaka buvugwa mu gace ka munani (8) ntibushobora kwimurwa.

The transfer of state land from public domain to private domain mentioned in Article 12 of this Law from point one (1°) to point five (5°) shall be done by law, while from point six (6°) to point seven (7°) the transfer shall be done by an Order of the Prime Minister. The land referred to in point eight (8°) shall not be transferable.

La désaffectation du domaine public au domaine privé des terres définies à l'article 12 de la présente loi, du point un (1°) au point cinq (5°) se fait par voie de loi, tandis que du point six (6°) au point sept (7°), la désaffectation se fait par voie d'arrêté du Premier Ministre. Les terres visées au point huit (8°) ne sont pas susceptibles de désaffectation.

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

Ingingo ya 15: Ubutaka buri mu mutungo bwite w'inzego z'ibanze

Ubutaka buri mu mutungo bwite w'inzego z'ibanze bugizwe n'ubutaka buri mu byiciro bikurikira:

- 1° ubutaka bw'inzego z'ibanze butagenewe ibikorwa rusange;
- 2° ubutaka bw'inzego z'ibanze bwari busanzweho ibikorwa rusange bwakuwe mu mutungo rusange hakurikijwe amategeko;
- 3° ubutaka inzego z'ibanze zaguze, zahawe cyangwa bwimuweho abantu ku mpamvu z'inyungu rusange;
- 4° ubutaka buriho amashyamba y'inzego z'ibanze;
- 5° ubutaka bwambuwe ba nyirabwo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Gukura ubutaka mu mutungo rusange w'inzego z'ibanze bugashyirwa mu mutungo bwite wazo bikorwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze bisabwe n'urwego rw'ibanze rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 16: Ubutaka bw'ibigo bya Leta

Ubutaka buri mu mutungo rusange w'ibigo bya Leta bugizwe n'ubutaka buriho imirimo n'ibikorwa remezo by'ibyo bigo.

Article 15: Land in the private domain of local authorities

Land in the private domain of local authorities consists of the following categories:

- 1° local authorities land not reserved to be used for public activities;
- 2° local authorities land previously used for public activities but which was removed from public domain in accordance with the laws;
- 3° land acquired by the local authorities through purchase, donation or expropriation for public interests;
- 4° land occupied by local authorities' forests;
- 5° confiscated land as provided by this Law.

The transfer of land from the public domain of local authorities to their private domain shall be done by an Order of the Minister in charge of land on proposal by the competent local authority.

Article 16: Public institutions land

Land in public domain of public institutions shall consist of land reserved for public para-statal institutions activities and infrastructures.

Article 15: Terres du domaine privé des entités locales

Les terres du domaine privé des entités locales consistent en:

- 1° des terres des entités locales non destinées au service public;
- 2° des terres des entités locales anciennement affectées au service public mais qui ont été désaffectées conformément à la législation;
- 3° des terres acquises par les entités locales par achat, donation ou expropriation pour cause d'utilité publique;
- 4° des terres occupées par les forêts des entités locales;
- 5° des terres confisquées conformément à la présente loi.

La désaffectation des terres du domaine public des entités locales à leur domaine privé se fait par arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions sur proposition de l'entité locale compétente.

Article 16: Terres des établissements publics

Les terres du domaine public des établissements publics sont celles qui sont réservées à leur service public.

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

| | | |
|---|--|---|
| Ubutaka buri mu mutungo bwite w'ibigo bya Leta bugizwe n'ubutaka buri mu byiciro bikurikira: | Land in private domain of public institutions shall consist of the following categories: | Les terres du domaine privé des établissements publics se composent: |
| 1° ubutaka butagenewe gukorerwaho imirimo rusange n'ibigo bya Leta; | 1° land not reserved for public activities use by public institutions; | 1° des terres non affectées au service public des établissements; |
| 2° 2° ubutaka bw'ibigo bya Leta buri mu mutungo rusange bugakurwamo hakurikijwe amategeko; | 2° public institutions land previously used for public activities but which was removed from public domain in accordance with the law; | 2° des terres des établissements publics anciennement affectés au service public mais qui ont été désaffectées conformément à la loi; |
| 3° ubutaka ibigo bya Leta byaguze, byahawe cyangwa byimuyeho abantu ku mpamvu z'inyungu rusange; | 3° land acquired by public institutions through purchase, donation or expropriation for public interests; | 3° des terres acquises par les établissements publics par achat, don ou expropriation pour cause d'utilité publique; |
| 4° ubutaka buriho amashyamba y'ibigo bya Leta. | 4° land occupied by public institutions forests. | 4° des terres occupées par les forêts des établissements publics. |
| Gukura ubutaka mu mutungo rusange w'ibigo bya Leta bugashyirwa mu mutungo bwite wabyo bikorwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze bisabwe n'Urwego rureberera icyo kigo. | The transfer of land from the public domain of public institutions to their private domain shall be done by an Order of the Minister in charge of land on proposal by the supervising Authority. | La désaffectation des terres du domaine public des établissements publics à leur domaine privé se fait par voie d'arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions sur proposition de l'Organe de tutelle. |
| <u>UMUTWE WA III: IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA</u> | <u>CHAPTER III: LAND ADMINISTRATION AND MANAGEMENT</u> | <u>CHAPITRE III: ADMINISTRATION ET GESTION DES TERRES</u> |
| <u>Icyiciro cya mbere: Gutanga, guhabwa no gukodesha ubutaka</u> | <u>Section One: Land allocation, acquisition and lease</u> | <u>Section première: Allocation, acquisition et bail emphytéotique</u> |
| <u>Ingingo ya 17: Gutanga, guhabwa no gukodesha ubutaka</u> | <u>Article 17: Land allocation, acquisition and lease</u> | <u>Article 17: Allocation, acquisition des terres et bail emphytéotique</u> |
| Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 6 n'ya 7 z'iri | Without prejudice to the provisions of Articles 6 | Sans préjudice des dispositions des articles 6 et 7 de |

Official Gazette n° Special of 16/06/2013

tegeko, uburenganzira ku butaka butangwa na Leta biciye mu bukode burambye.

Igihe cy'ubukode burambye bw'ubutaka ntigishobora kujya muni y'imyaka itatu (3) cyangwa ngo kirenze imyaka mirongo cyenda n'icyenda (99), ariko gishobora kongerwa.

Uburyo bwo kubona no gukodesha ubutaka, imyaka nyakuri y'ubukode burambye n'uko bwongerwa bishyirwaho n'Iteka ya Perezida.

Gutanga no guhabwa ubutaka bugenewe ishoramari, bikorwa hashingiwe ku nyigo y'umushinga yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha hashingiwe ku kamaro n'agaciro by'ishoramari.

Gutanga ubutaka bwa Leta buri mu mutungo bwite wayo mu rwego rw'ishoramari bikorwa biciye mu ipiganwa keretse byemejwe ukundi n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe kandi ku butaka buzwi.

Ingingo ya 18: icyemeza ko ubutaka bwatanzwe

Kwemeza ko ubutaka bwatanzwe cyangwa bukodeshejwe bigaragazwa n'icyemezo cy'iyandikisha ry'ubutaka gitangwa n'Umubitsi w'Impampurompamo z'ubutaka.

Igihe icyemezo cy'iyandikisha ry'ubutaka gitakaye cyangwa cyangiritse Umubitsi w'Impampurompamo z'ubutaka niwe utanga

and 7 of this Law, the right to land is granted by the State in the form of emphyteutic lease.

The land lease period can not be less than three (3) years and can not exceed ninety- nine years (99), however it can be renewed.

Procedures for land allocation, lease, the exact number of years of land lease and its renewal shall be determined by a Presidential Order.

Allocation and acquisition of land for investment shall be based on approved business plan by a competent authority in accordance with the importance and value of the investment.

Allocation of public land in private domain for investment shall be done through an open competition except when authorised by an Order of the Prime Minister on a well defined land.

Article 18: Certificate of land allocation

Certifying that the land has been allocated or leased shall be evidenced by a certificate of land registration issued by the registrar of land titles.

In case of loss or damage of the certificate of land registration, the registrar of land titles issued a replacing one.

la présente loi, les droits fonciers sont concédés par l'Etat sous forme de bail emphytéotique.

La durée du bail emphytéotique ne peut pas être inférieure à trois (3) ans, ni être supérieure à quatre-vingt-dix-neuf (99), mais elle peut être renouvelable.

Les modalités d'allocation des terres et de bail emphytéotique, la durée ainsi que le renouvellement du bail emphytéotique sont déterminées par Arrêté Présidentiel.

L'allocation et l'acquisition des terres destinées à l'investissement sont basées sur un plan d'affaires approuvé par l'autorité compétente sur base de l'importance et la valeur de l'investissement.

L'allocation des terres du domaine privé de l'Etat aux fins d'investissement se fait à travers une concurrence ouverte au public, sauf exception autorisée par Arrêté du Premier Ministre et sur une terre bien définie.

Article 18: Certification de l'allocation de terres

La certification de l'allocation de terres est prouvée par un certificat d'enregistrement foncier délivré par le Conservateur des titres fonciers.

En cas de perte ou de destruction du certificat d'enregistrement foncier, le Conservateur des titres fonciers en délivre un nouveau.

ikigisimbura.

Iteka rya Perezida rigena imikorere n'ububasha by'Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka.

A Presidential Order determines the functioning and powers of the registrar of land titles.

Un Arrêté Présidentiel détermine le fonctionnement ainsi que les compétences du Conservateur des titres fonciers.

Ingingo ya 19: Imitungire y'ubutaka bw'ibishanga

Article 19: Swamps land tenure

Article 19: Tenure foncière des marais

Ubutaka bwo mu bishanga ni ubwa Leta. Ntibushobora kwegurirwa burundu abantu ku giti cyabo kandi nta we ushobora kwitwaza ko abumaranye igihe kirekire ngo abwegukane.

Swamp land belongs to the State. It shall not definitively be allocated to individuals and no person can use the ground of holding it for a long time to justify the definitive takeover of the land.

Les terres des marais appartiennent à l'Etat. Elles ne peuvent être définitivement allouées aux particuliers et personne ne peut se prévaloir de les avoir occupées pendant une longue période pour en justifier une possession définitive.

Icyakora, bushobora gutizwa umuntu hashingiwe ku masezerano yumvikanyweho n'impane zombi.

However, it may be lent to a person based on agreement concluded between both parties.

Néanmoins, elles peuvent être prêtées à une personne sur la base d'un contrat conclu de commun accord.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho urutonde rw'ibishanga, imiterere n'imbibi zabyo rikanagena uburyo ubwo butaka bukoreshwa, butunganywa kandi bucuungwa kugira ngo bugirire abaturarwanda akamaro ku buryo burambye.

A Prime Minister Order shall draw a list of swamp land, their classification and boundaries and set up modalities of their use, development, and management for the sustainable benefit of all Rwandans.

Un arrêté du Premier Ministre établit la liste des marais, leurs caractéristiques et leurs limites ainsi que les modalités de leur utilisation, aménagement et gestion pour un développement durable au profit de la population rwandaise.

Icyiciro cya 2: Kwandikisha ubutaka

Section 2: Land registration

Section 2 : Enregistrement foncier

Ingingo ya 20: Inshingano yo kwandikisha ubutaka

Article 20: Obligation to register land

Article 20: Obligation de l'enregistrement foncier

Kwandikisha ubutaka ku muntu wese ubutunze ni itegeko.

Registration of land is obligatory for that land owner.

L'enregistrement des terres qu'une personne détient est obligatoire.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze rigena uburyo iyandikisha ry'ubutaka rikorwa,

An Order of the Minister in charge of land shall specify modalities and procedures for land

Un arrêté du Ministre ayant les terres dans ses attributions détermine les modalités et procédures

